**IKICARO GIKURU CYA KILIZIYA KU ISI**

---

## UBUTUMWA BWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO BUJYANYE N'UMUNSI MPUZAMAHANGA WAGENEWE ABANA 25-26 Gicurasi 2024

Bana nkunda,

Kuri uyu munsi mpuzamahanga wabagenewe, natekereje kuboherereza ubu butumwa. Nzishimira ko mwese muzabona ubu butumwa kandi nshimiye abazakora ibishoboka byose ngo bubagereho.Ubu butumwa mbuhaye mbere na mbere buri wese ku giti cye,wowe mwana,kuko uri uw'agaciro mu maso y'Imana(Iz 43,4) nk'uko ibyanditswe bitagatifu bibitwigisha kandi na Yezu ubwe akabiduhamo urugero.

Na none kandi,ndagira ngo mpe ubu butumwa umuntu wese kubera ko mwese mufite agaciro kandi kamwe ,yaba abari kure cyangwa abari hafi mugaragaza inyota yo gukura no guhora mwisubiraho. Mutwibutsa ko twese turi abana n'abavandimwe kandi ko nta wabaho adafite uwamubyaye , nta wakura adafite abantu bamuha urukundo kandi ngo habeho utanga urwo rukundo. (Mwareba ibaruwa nise  Fratelli tutti ,Twese turi abavandimwe 95).

Ku bw'ibyo,mwebwe mwese abana ,muri mu byishimo by'ababyeyi n'imiryango, muri ibyishimo by'umuryango mugari w'abantu ndetse n'ibya kiriziya kandi muri ibyo byose buri umwe muri mwe agize urwo ruhererekane ruva mu gihe cyashize kugera mu bihe bizaza rugakwira isi yose. Niyo mpamvu mbasaba kumva buri gihe icyo abantu bakuru bababwira:Ba nyoko, ba so,ba sogokuru na ba sogokuruza kandi ntimuzibagirwe bamwe muri mwe bakiri bato bafite ibibazo by'uburwayi barwana nabyo kwa muganga cyangwa mu rugo ,abazahajwe n'intambara n'ihohoterwa,abashonje n'abafite inyota, ababa mu muhanda,abisanga bagiye mu gisirikare cyangwa bagahunga,abatandukanye n'ababyeyi babo,abadashobora kujya ku ishuri,abafashwe bugwate n'udutsiko tw'abagizi ba nabi,ababaswe n'ibiyobyabwenge n'ubundi bucakara ubwo aribwo bwose n'ihohoterwa. Mu magambo make, abo bana bose babonye ubuto bwabo buhohoterwa muri iyi minsi,mubumve, mubumve by'ukuri ,amaso yabo yozwa n'amarira gusa n'ukuvuka gukomeye kw'ikibi mu mitima yabo ndetse n'ababonye mu by'ukuri ko ikibi giteye ubwoba.

Nshuti zanjye bana, kugirango twivugururure ubwacu tuvugururure n'isi, ntibihagije ko tugirana ubumwe gusa hagati yacu:Birakenewe gukomeza ubumwe na Yezu. Kuri we twakira ubutwari bwinshi: aduhora hafi, Roho Mutagatifu aduha aratuyobora kandi akaduherekeza mu nzira zose z'isi. Yezu aratubwira ati: "Dore ibintu byose mbigize bishya" (Ibyah 21: 5); Aya ni amagambo nahisemo nk'insanganyamatsiko y'umunsi w'abana wa mbere ku rwego mpuzamahanga. Aya magambo araduhamagarira guhinduka nk'abana kugirango dusobanukirwe ibishya bizanwa na Roho Mutagatifu muri twe no hafi yacu.

Hamwe na Yezu, dushobora gutangira gutekereza ku isi nshya kandi tugatangira kugira umuryango wuje ubuvandimwe kandi ufite ibyo witondera. Ibyo twabikora duhereye ku bintu bito byoroshye nko gusuhuza abandi, gusaba uruhushya, gusaba imbabazi, gushimira n'ibindi. Isi iragenda ihindurwa n'utuntu duto kandi abantu nta bushake bafite nibura ngo batere intambwe ya mbere mu kubyamagana. Ahubwo,ubuto bwacu butwibutsa ko turi inzabya zoroshye , ko dukeneranye umwe ku wundi, nk'ingingo z'umubiri umwe (Reba Rom 12: 5; 1 Kor 12:26).

Ibi ntibihagije. Muri rusange, bana dukunda,ntabwo twabaho twishimye twenyine,kubera ko ibyishimo bizamuka iyo tubisangiye:bizamukira ku muco wo gushima kubera impano twabonye kandi natwe tukazisangiza abandi. Iyo twigumaniye impano twahawe cyangwa tukagira ukwifuza gukabije ko kubona izo mpano nk'abana,twiyibagiza ko impano nziza ari twebwe ubwacuumwe ku wundi: Turi impano y'Imana. Izindi mpano ni ngombwa yego,ariko gusa kugira ngo abantu babe hamwe.Nitutazikoresha kubera iyo mpamvu yo kugira ubumwe tuzahora twifuza kandi nta biduhagije tuzigera tubona. Ahubwo iyo turi hamwe,byose biba bitandukanye! Mutekereze ku nshuti zanyu:Kuko ari byiza kuba hamwe nabo,mu rugo, ku ishuri, kuri paruwasi,aho dusengera,n'ahandi hose;gukina,kuvumbura ibintu bishyashya,kwishimisha hamwe nta muntu dushyize ku ruhande. Ubucuti ni bwiza cyane kandi bukura mu buryo bwo gusangira , kubabarirana, hamwe no kwihangana, ubutwari, guhanga no gutekereza, nta bwoba kandi nta rwikekwe.

Noneho ndashaka kubabwira ibanga ry'ingenzi: kugirango abana dushobore kugira ibyishimo by'ukuri, tugomba gusenga, gusenga cyane, buri munsi, kuko amasengesho aduhuza neza n'Imana, yuzuza imitima yacu umucyo n'ubushyuhe kandi bidufasha gukora byose dufite icyizere n'umutuzo.Yezu kandi buri gihe yasenganaga Se. Muzi uko yamwise? Mu rurimi rwe, yamwise Abba, bisobanura Papa (Reba Mk 14, 36). Reka natwe tubikore! Tuzahora twumva aturi hafi. Yezu ubwe yarabidusezeranyije ubwo yavugaga ati: "Aho babiri cyangwa batatu bateraniye mba ndi hagati yabo" (Mt 18,20).

Bana nkunda, muzi ko muri Gicurasi, benshi muri mwe tuzahurira i Roma, muzaba muturutse ku isi yose! Rero, kugirango twitegure neza, ndabasaba ko mwakoresha amagambo amwe mu masengesho Yezu yatwigishije:Dawe uri mu ijuru. Soma buri gitondo na buri mugoroba, kandi n'umuryango wawe, hamwe n'ababyeyi bawe, barumuna bawe, bashiki bawe na sogokuru. Ariko ntabwo ari amagambo dufata mu mutwe gusa, oya! Tugomba gutekereza ku magambo yatwigishije. Yezu araduhamagara kandi ashaka ko tubana na we tukagira uruhare nyamukuru kandi rudasimburwa muri uyu munsi mpuzamahanga,tukaba koko abubaka isi nshya, gufasha abantu benshi kandi tukarangwa n'ubutabera n'amahoro.We witanze ku musaraba kugirango aduhuze twese mu rukundo, we watsinze urupfu akatwunga na Data, arashaka gukomeza

umurimo we muri Kiliziya ye binyuze muri twe. Reka dutekereze kuri ibi bikurikira cyane cyane mwebwe mwitegura guhabwa ukarisitiya ya mbere.

Bana nshuti, Imana, yakomeje kutugaragariza ko idukunda (Yer 1: 5), iratureba nka papa wacu twese wuje urukundo na mama wuje urugwiro. Ntiyigera atwibagirwa (Iz 49:15) kandi araduherekeza buri munsi kandi akaduhindura binyuze muri Roho we.Hamwe na Bikira Mariya Mutagatifu na Yozefu Mutagatifu, reka dusenge tugira tuti:

Ngwino,Roho Mutagatifu,

twereke ubwiza bwawe

bugaragarira mu maso

y'abana bawe hano ku isi.

Nwino Yezu ,

Wowe utuma ibintu byose biba bishya

Wowe nzira ituganisha ku Mana data,

Ngwino ugumane natwe.

Amina.

Bikorewe i Vatikani, ku wa 2 Werurwe, 2024

Nyirubutungane Papa Fransisko